D/01916

Kigali, kuwa 23/10/97

N° 1203/21-13

REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'URUBYIRUKO,
SIPORO, UMUCO NO KWIGISHA
IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 - KIGALI

Ku Umuhuzabikorwa wa
« Club MAMANS-SPORTIVES »

Impanvu:
Kwemererwa ikibuga.

Muhuzabikorwa,

Dukurikije ibaruwa watwandikiye yerekeranye no gusaba ikibuga twabatiza cyo kwitorezamo imikino ya Volley-ball na Basket-ball, tubandikiye tubemerera yuko mwagikoresha. Ariko mukabanza gukurikiza ibi bikurikira:

- Imyitozo yajya iba akatarenze gatatu mu cyumweru
- Tubasabye kutugezaho gahunda y'imyitozo yanyu (iminsi n'amasaha).

Kubyerekeye inkunga twabaha, dushobora kubaha gusa imipira itatu (3) ya Basket-ball. Muzaza gufata iyo mipira mwitwaje iyi baruwa.

Tubaye tubashimiye, tubifuriza imirimo myiza.

D. Sport

REPUBLIQUE RWANDAISE
Sports
Professionnelle

Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo
Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse

Dr Yakobo BIHOZAGARA

KABANDA
Secrétaire Général
MIJESCAFO

Reçu le 6/10/97

27/8/97

**CLUB MAMANS-SPORTIVES**
**B.P. 2245**
**KIGALI.-**

Dir Dpr Sports
Avis et Projet de réponse

Kigali, le 07/08/1997

**Impamvu** : Gusaba ikibuga

**Réf** : 016/97/E.M./UM.

Ministre

A traiter par ..........
Date entrée : 11/8/97
N° Classement : 2021

Kuri Nyakubahwa Bwana Minisitiri
w-Urubyiruko, Inkino, Umuco,
n-Imyuga iciriritse.
I KIGALI.-

I. Infrastructures et Equipt.
Projet de réponse
- Accord sur le terrain d'entraînement mais pas tous les jours
RP 6/10/97

Nyakubahwa Bwana Minisitiri,

Tubandikiye, tubasaba ikibuga mwadutiza cyo kwitorezamo imikino ya volley-ball na basket-ball, twebwe ba Mamans-Sportives.

Nyakubahwa, nkuko mubizi, ishyirahamwe ryacu rifite muri gahunda zayo gushishikariza abategarugori sport, abana bato, inkumi, n-abagore basheshe akanguhe.
Twifuza rero gutangira icyo gikorwa, kandi twongeye kubibutsa inkunga mwari mwaratwemereye y-imipira n-imyambaro.

Tubaye tubashimiye, tubifuriza imirimo myiza.

Kubwa Club Mamans-Sportives
Umuhuzabikorwa
MUKAYIRANGA Emérita.